



Ipaki y'ibikenewe itagoye ya Medicaid Inyandiko igenewe serivisi y'abakiriya n'abatanga serivisi:

Inyandiko zikurikira zo kuri telefoni hamwe n'ibibazo bikunze kubazwa (FAQ) byakozwe hagamijwe gufasha abanyamuryango ba Medicaid kumenya icyo gukora mu gihe dosiye zabo zisuzumwa. Turagusaba kugerageza gukoresha ibi byanditse byatanzwe n'izi FAQ kenshi gashoboka mu gihe uvuga kuri izi mpinduka.

Impinduka kuri Medicaid— kandi intambwe umuntu agomba gukurikiza—ziragoye cyane kuzisobanura no kuzisobanukirwa. Turifuza kubikorohereza mu buryo bwose bushoboka wowe n'abantu uha serivisi. Amagambo ari muri iyi nyandiko yanyuze mu isuzuma risesuye ry'imvugo mu rwego rwo gufasha gusobanukirwa no gukoresha aya makuru mu buryo bworoshye.

Inyandiko:

Mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19, abantu bari bafite Medicaid bakomeje kuba banditse n'aho baba bari batacyemerewe. Ubu COVID-19 ntikiri indwara iri mu baturage isaba ubutabazi. Ibi bikaba bivuze ko tugomba gusuzuma dosiye zose za Medicaid kugira ngo tumenye abacyemerewe.

Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) ryatanze ibisuzumwa mu kwemererwa Medicaid ku itariki ya 1 Werurwe 2023. **Ibi bivuze ko wowe cyangwa abagize umuryango wawe mushobora gutakaza ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid niba mutacyemerewe Medicaid.** Tuzashaka igihe dusuzume dosiye yawe mbere ya Werurwa 2024 kugira ngo tumenye niba ucyemerewe Medicaid.

Tuzakumenyesha ku iposita cyangwa imeyili igihe dosiye yawe izaba yegereje gusuzumwa. Wahamagara ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) cyangwa ukagenzura [myCase](#) niba ushaka kumenya ukwezi dosiye yawe izasuzumwamo.

Nta kintu usabwa gukora kugeza igihe dosiye yawe izasuzumirwa. Ushobora gukoresha ibyo ugenerwa uko bisanzwe kugeza dusoje isuzuma ryawe. Icyo usabwa gukora gusa ni ugukora ku buryo amakuru yawe dufite aba ari nyayo.

- **Kora ku buryo amakuru yawe aba avuguruye.**
- Ushobora kugenzura ugakora ku buryo amakuru yawe yo muri konti yawe ya [myCase](#) ari nyayo.



Ugomba kuvugurura amakuru yawe niba waba uherutse kwimuka cyangwa niba hari amakuru y'aho uboneka yahindutse (nka numero ya telefoni cyangwa imeyili). Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) rizakohereza ibaruwa ivuga **kimwe** mu bikurikira:

- **Uracyemerewe** ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid.
- **Ntucyemerewe** Medicaid. Ibaruwa izaba irimo intambwe wakurikiza kugira ngo uhabwe ubundi bwishingizi bw'indwara.
- Hakenewe **andi makuru** kugira ngo bamenye niba ucyemerewe Medicaid. Iyi baruwa izaba irimo amafishi ugomba kuzuza kandi bashobora no gusaba ibyangombwa bishyigikira dosiye (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw'uko konti ihagaze n'ibindi).

Itondere igihe ntarengwa.

Ushobora gutakaza ibigenwa na Medicaid niba utagaruye amafishi cyangwa ukarenza igihe ntarengwa.

Waba wifuza ko nkurebera niba amakuru yawe ajyanye n'igihe? Nakuvugururira amakuru ubu niba ubishaka cyangwa ugahamagara hamwe mu hakurikira kugira ngo amakuru yawe avugururwe:

- Gahunda yawe y'ubuzima
- Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) kuri 1-866-435-7414
- Uhagarariye porogaramu y'ubuzima kuri 1-866-608-9422

Hari ibibazo ufite?



FAQ

Kuki hari impinduka kuri Medicaid?

Mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19, abantu bari bafite Medicaid bakomeje kuba banditse n'aho baba bari batacyemerewe. Ubu COVID-19 ntikiri indwara iri mu baturage isaba ubutabazi. Ibi bikaba bivuze ko tugomba gusuzuma dosiye zose za Medicaid kugira ngo tumenye abacyemerewe.

Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) ryatanze ibisuzumwa mu kwemererwa Medicaid ku itariki ya 1 Werurwe 2023. **Ibi bivuze ko wowe cyangwa abagize umuryango wawe mushobora gutakaza ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid niba mutacyemerewe Medicaid.** Tuzashaka igihe dusuzume dosiye yawe mbere ya Werurwa 2024 kugira ngo tumenye niba ucyemerewe Medicaid.

Ni iki nsabwa gukora?

Nta kintu usabwa gukora kugeza igihe dosiye yawe izasuzumirwa. Ushobora gukoresha ibyo ugenerwa uko bisanzwe kugeza dusoje isuzuma ryawe. Kora ku buryo tuba dufite amakuru yawe nyayo y'aho uboneka. Ushobora kugenzura ugakora ku buryo amakuru yawe yo muri konti yawe ya [myCase](#) avuguruye.

- Vugurura amakuru yawe niba waba uherutse kwimuka cyangwa niba hari amakuru y'aho uboneka yahindutse (nka numero ya telefoni cyangwa imeyili).

Ushobora no guhamagara hamwe mu hakurikira kugira ngo uvugurure amakuru:

- Gahunda yawe y'ubuzima
- Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) kuri 1-866-435-7414
- Uhagarariye porogaramu y'ubuzima kuri 1-866-608-9422

Ni gute namenya ko nkemerewe Medicaid?

Genzura kenshi iposita, imeyili na konti yawe ya [myCase](#). Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) rizavugurura konti yawe ya myCase hanyuma rikohereze ibaruwa cyangwa imeyili nyuma yo gusuzuma dosiye yawe.



Ishami rya serivisi y'umurimo rizakoherereza ibaruwa ivuga **kimwe** mu bikurikira:

- **Uracyemerewe** ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid.
- **Ntucyemerewe** Medicaid. Ibaruwa izaba irimo intambwe wakurikiza kugira ngo uhabwe ubundi bwishingizi bw'indwara.
- Hakenewe **andi makuru** kugira ngo bamenye niba ucyemerewe Medicaid. Iyi baruwa izaba irimo amafishi ugomba kuzuza kandi bashobora no gusaba ibyangombwa bishyigikira dosiye (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw'uko konti ihagaze n'ibindi).

Ni gute nabona itariki y'isuzuma ryanjye?

Ushobora kugenzura konti yawe ya [myCase](#) cyangwa ugahamagara hamwe mu hakurikira niba ushaka kumenya ukwezi dosiye yawe izasuzumwaho:

- Gahunda yawe y'ubuzima
- Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) kuri 1-866-435-7414
- Uhagarariye porogaramu y'ubuzima kuri 1-866-608-9422

Ni iki ngomba gukora dosiye yanjye imaze gusuzumwa?

Kurikiza amabwiriza ari mu ibaruwa wandikiwe n'ishami rya serivisi y'umurimo. Uzuza amafishi **yose** nurangiza uyohereze ku ishami rya serivisi y'umurimo binyuze mu iposita cyangwa muri imeyili bidatinze kugira ngo wirinde icyuho mu bwishingizi bw'ubuzima bwawe.

Bashobora kuba bakeneye andi makuru kugira ngo bamenye niba ucyemerewe Medicaid. Bazakoherereza ibaruwa irimo amafishi ugomba kuzuza kandi bashobora no gusaba ibyangombwa bishyigikira dosiye (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw'uko konti ihagaze n'ibindi) niba babisabye. Uzuza amafishi yose nurangiza uyohereze udatinze bishoboka kugira ngo wirinde ibyuhoro mu bwishingizi bw'ubuzima bwawe.

Ohereza amafishi y'isuzuma wujuje kuri:

DWS, PO Box 143245, Salt lake City, UT 84114-3245

Bizagenda gute nimba ntohereje amafishi cyangwa ibyangombwa bishyigikira dosiye?

Ushobora gutakaza ubwishingizi bw'indwara bwawe bwa Medicaid. Ohereza amafishi yose cyangwa ibyangombwa bishyigikira ku ishami rya serivisi y'umurimo vuba bishoboka. Ufite



iminsi 90 yo kudasaba kongera gusuzuma dosiye yawe niba utakaje ibigenwa na Medicaid bitewe n'uko utohereje amafishi cyangwa ibyangombwa bishyigikira.

Ohereza amafishi y'isuzuma wujuje kuri:

DWS, PO Box 143245, Salt lake City, UT 84114-3245)

Ni iki nakora niba ntakaje ubwishingizi bw'indwara bwanjye bwa Medicaid?

Twifuza ko abatwage ba Utah bese babona ubwishingizi bw'indwara bagakomeza kuba bishingiye. Niba utacyemerewe ubwishingizi bwa Medicaid uzahabwa ibintu bikurikira:

- Ibaruwa ikumenyesha ko ubwishingizi bw'indwara bwawe bwa Medicaid buzarangira.
- Uzahita wimurirwa mu [bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa Marketplace](#) (igihe cyose uzaba wohereje amafishi asabwa n'ibyangombwa bishyigikira dosiye).
- Amakuru yerekeye [ubwishingizi bw'indwara bwa leta bwa Marketplace](#).
- Amakuru ajyanye n'uko bajurira. Ibi bivuze ko ushobora kudasaba kongera gusuzuma dosiye yawe niba ukeka ko waba wemerewe, ariko ishami rya serivisi y'umurimo rikaba ryarakoherereje ibaruwa ivuga ko utacyemerewe.

Itondere igihe ntarengwa.

- Ugomba gutanga ubujurire mu gihe kitarenze iminsi 90.
- **Ntuzahita** woherezwa mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa marketplace niba watakaje ibigenwa na Medicaid kuko utagaruye impapuro bagusabye.

Bivuze iki guhita wimurirwa mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa marketplace?

Abantu batacyemerewe Medicaid bazahita bimurirwa mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa marketplace (healthcare.gov). Kuri ubu hari uburyo uku kwimurwa bihita byikora mu gihe cyose icyemezo cyafashwe. Kwimurwa ntibizabaho niba gutakaza ubwishingizi bwa Medicaid byatewe no kutuzuzwa cyangwa kudatanga amafishi.

Ubundi bwishingizi bw'indwara bushoboka ni ubuhe?

Abantu batemerewe ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid bashobora kuba bacyemerewe ubwishingizi binyuze mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa Marketplace cyangwa



healthcare.gov. Abantu benshi bemerewe kwizigamira kuri gahunda y'ubuzima kugira ngo bagabanye imisanzu n'inyunganirabwishyu. Ubwizigame bushingira ku mubare w'abagize urugo no ku mafaranga yinjira mu rugo. Gahunda zose za Marketplace zishingira ibintu nko kwandikirwa imiti, kubonana na muganga, kuvurwa byihutirwa, kwivuzza ku bitaro n'ibindi.

Abantu batakaza Medicaid baba bafite iminsi 60 yo gusaba ubwishingizi bw'indwara muri Marketplace. Akenshi gahunda z'ubwishingizi bw'indwara zigira igihe gifunguye cyo kwiyandikisha buri mwaka, abantu bakaba bashobora kwiyandikisha. Umuntu yemererwa kwiyandikisha gusa mu gihe gifunguye cyo kwiyandikisha, keretse iyo afite "ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa". Bifatwa nk'"ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa" iyo umuntu atacyemerewe Medicaid. Bivuze ko abantu baba bafite **iminsi 60 nyuma y'uko ibigenwa na Medicaid birangiye** kugira ngo biyandikishe mu yindi gahunda nshya y'ubwishingizi bw'indwara.

Ugomba kuzategereza igihe gifunguye cyo kwiyandikisha gikurikira niba utiyandikishije muri gahunda nshya y'ubwishingizi bw'indwara mu minsi 60 ikurikira kurangira kw'ibigenwa na Medicaid. Na none ni byiza kumenya ko **utazoherezwa** mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa marketplace niba watakaje ibigenwa na Medicaid bitewe no kutubahiriza igihe ntarengwa cyangwa kudatanga amafishi cyangwa ibyangombwa DWS yasabye.

"Ikibazo cy'ubuzima gituma umuntu yemererwa" ni iki?

- Gushinga urugo cyangwa gupfakara.
- Kubyara cyangwa kwakira umwana wo kurera.
- Hari umuntu uba mu rugo rwawe wapfuye (umuntu wavuze mu rwego rw'imisoro yawe).
- Impinduka ku mubare w'abagize urugo (uyu ni umubare w'abantu wavuze mu rwego rw'imisoro yawe).
- Impinduka ku mafaranga yinjira mu rugo (yaba yiyongereye cyangwa yagabanutse).
- Ntucyemerewe Medicaid cyangwa CHIP kuko amafaranga winjiza yiyongereye.
- Utakaje ubwishingizi bw'indwara wari ufite kubera umukoresha wawe cyangwa akazi.
- Gahunda y'ubwishingizi bw'indwara bwawe yahagaritse ubwishingizi bwawe, nyamara warishyuye imisanzu.
- Ubwishingizi bwawe bwa COBRA burangiye igihe.



- Wujuje imyaka 26 y'amavuko, ukaba utacyemerewe kuba ku bwishingizi bw'indwara bw'umubyeyi.
- Wimukiye mu wundi mujiyi, indi leta cyangwa wahinduye kodi y'iposita.
- Uvuye mu kigo ngororamuco cyangwa gereza.
- Wakorewe ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
- Hari ikosa rikomeza kukubuza kubona ubwishingizi bw'indwara igihe uvuye ku rugerero mu ngabo.

Hamagara 211 kugira ngo usabe gahunda ku buntu muri [Take Care Utah](#) niba ukeneye ubufasha bwo kwiwandikisha muri gahunda nshya y'ubwishingizi bw'indwara

Ubwishingizi bw'indwara bwanjye buzaba buhenze?

Abantu benshi bemerewe kwizigamira kuri gahunda y'ubuzima kugira ngo bagabanye imisanzu n'inyunganirabwishyu. Ubwizigame bushingira ku mubare w'abagize urugo rwawe no ku mafaranga yinjira mu rugo. Gahunda zose za Marketplace zishingira ibintu nko kwandikirwa imiti, kubonana na muganga, kuvurwa byihutirwa, kwivuzwa ku bitaro n'ibindi.

Ni gute natanga ubujurire?

Kujurira bivuze ko ushobora gusaba ishami rya serivisi y'umurimo kongera gusuzuma dosiye yawe niba ukeka ko waba wemerewe, ariko rikaba ryarakoherereje ibaruwa ivuga ko utacyemerewe. Niba utemeranya n'icyemezo cyafashwe ku kwemererwa, ukaba wifuza kujuririra icyo cyemezo, ubusabe bugomba koherezwa mu minsi 90 ikurikira itariki y'itangazo utemeranya naryo.

Dosiye isaba kuburana binyuze mu mucyo ku kwemererwa Medicaid na CHI igomba kohererezwa ishami rya serivisi y'umurimo (DWS), division ishinzwe ubutabera. Uzasabwa kuzuza ifishi hanyuma ukayisubiza muri DWS. Sura [urubuga rwa DWS](#) ubone iyo fishi n'andi makuru ku kuburana binyuze mu mucyo. Niba hari ibibazo ufite, wakoherereza imeyili kuri fairhearings@utah.gov cyangwa ugahamagara 1-877-837-3247.

Ohereza ifishi y'ubusabe yuzuye kuri:

Department of Workforce Services – Fair Hearings
PO Box 143245, Salt Lake City, UT 84114-3245



Mbese nakuzuma isuzuma ryo kwemererwa Medicaid imburagihe?

Oya. Turagusaba gutegereza kugeza igihe dosiye yawe izagererwaho kuko dufite dosiye nyinshi zo gusuzuma. Nta kintu usabwa gukora kugeza igihe dosiye yawe izasuzumirwa. Ushobora gukoresha ibyo ugenerwa uko bisanzwe kugeza dusoje isuzuma ryawe.

- Kora ku buryo tuba dufite amakuru yawe nyayo y’aho uboneka. Ushobora kugenzura ugakora ku buryo amakuru yawe yo muri konti yawe ya [myCase](#) avuguruye.
- Vugurura amakuru yawe niba waba uherutse kwimuka cyangwa niba hari amakuru y’aho uboneka yahindutse (nka nomero ya telefoni cyangwa imeyili).

Nabigenza gute kugira ngo dosiye yanjye isuzumwe vuba?

Nta kintu usabwa gukora kugeza igihe dosiye yawe izasuzumirwa. Ushobora gukoresha ibyo ugenerwa uko bisanzwe kugeza dusoje isuzuma ryawe. Icyakora, hari ibintu wakora kugira ngo wihutishe kandi woroshye iki gikorwa:

- Vugurura amakuru yawe niba waba uherutse kwimuka cyangwa niba hari amakuru y’aho uboneka yahindutse (nka nomero ya telefoni cyangwa imeyili). Ushobora kuvugurura amakuru muri konti yawe ya [myCase](#).
- Ishami rya serivisi y’umurimo rizakubwira hari ibyangombwa bishyigikira bikenewe kugira ngo barebe niba ucyemerewe Medicaid (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw’uko konti ihagaze n’ibindi). **Ohereza ibi bikurikira bidatinze.** Bizafasha abakozi bashinzwe kugufasha mu isuzuma gusuzuma vuba.

Nakora iki niba ntagituye muri Utah?

Medicaid ya Utah igenewe abatuye muri leta ya Utah gusa. **Ugomba** guhamagara ishami rya serivisi y’umurimo ukababwira ko wimukiye mu yindi leta.

Ni gute nafunga dosiye yanjye ya Medicaid?

Hamagara ku ishami rya serivisi y’umurimo kuri 1-866-435-7414 ubasabe gufunga dosiye yawe.



Ni gute nafasha umuntu watakaje ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid?

Kora ku buryo amakuru y'uyu muntu aba avuguruye.

Ashobora kureba kuri interineti kugira ngo amenye niba amakuru ari muri konti ye ya [myCase](#) ari yo kuri jobs.utah.gov/mycase cyangwa agahamagara hamwe mu hakurikira akavugurura amakuru ye:

- Ubwishingizi bwe
- Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) kuri 1-866-435-7414
- Uhagarariye porogaramu y'ubuzima kuri 1-866-608-9422

Bwira uyu muntu ko agomba kugenzura kenshi konti ye ya myCase, iposita na imeyili.

Ishami rya serivisi y'umurimo rizavugurura konti ya myCase hanyuma rimwoherereze ibaruwa cyangwa imeyili nyuma yo gusuzuma dosiye. Ibaruwa izavuga **kimwe** mu bikurikira:

- **Aracyemerewe** ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid.
- **Ntacyemerewe** Medicaid. Ibaruwa izaba irimo intambwe yakurikiza kugira ngo ahabwe ubundi bwishingizi bw'indwara.
- **Hakenewe andi makuru** kugira ngo bamenye niba acyemerewe Medicaid. Ibaruwa izaba irimo amafishi agomba kuzuza kandi bashobora no gusaba ibyangombwa bishyigikira dosiye (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw'uko konti ihagaze n'ibindi). **Ibi bakeneye ko ubyohereza vuba bishoboka—kugira ngo batazabusanya n'igihe ntarengwa.**

Kora ku buryo uyu muntu amenya ko afite **iminsi 90** gusa yo gusaba ishami rya serivisi y'umurimo gusubiramo dosiye ye niba yaratakaje ibigenwa na Medicaid kubera kutohereza amafishi cyangwa ibyangombwa bishyigikira dosiye. Na none ni byiza kumenya ko uyu muntu **atazoherezwa** mu bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa marketplace niba yaratakaje ibigenwa na Medicaid bitewe no kutubahiriza igihe ntarengwa cyangwa kudatanga amafishi cyangwa ibyangombwa DWS yasabye.



Fasha uyu muntu kwinjira muri gahunda y'ubundi bwishingizi bw'indwara.

Abantu bazatakaza ubwishingizi bwabo bwa Medicaid kuko batatanze impapuro bujuje, bashobora kuba bagifite iminsi 90 yo kongera kubyutsa ubwishingizi bwabo. Mubwire asubize ifishi y'isuzuma cyangwa izindi mpapuro DWS ikeneye bidatinze.

Abantu batemerewe ubwishingizi bw'ubuzima bwa Medicaid bashobora kuba bacyemerewe ubwishingizi binyuze mu **bwishingizi bw'indwara bwa leta bwa Marketplace cyangwa healthcare.gov**. Abantu benshi bemerewe kwizigamira kuri gahunda y'ubuzima kugira ngo bagabanye imisanzu n'inyunganirabwishyu. Ubwizigame bushingira ku mubare w'abagize urugo no ku mafaranga yinjira mu rugo. Gahunda zose za Marketplace zishingira ibintu nko kwandikirwa imiti, kubonana na muganga, kuvurwa byihutirwa, kwivuzwa ku bitaro n'ibindi.

Abantu batakaza Medicaid baba bafite iminsi 60 yo gusaba ubwishingizi bw'indwara muri Marketplace. Akenshi gahunda z'ubwishingizi bw'indwara zigira igihe gifunguye cyo kwiyandikisha buri mwaka, abantu bakaba bashobora kwiyandikisha. Umuntu yemererwa kwiyandikisha gusa mu gihe gifunguye cyo kwiyandikisha, keretse iyo afite "ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa". Bifatwa nk'"ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa" iyo umuntu atacyemerewe Medicaid. Bivuze ko abantu baba bafite **iminsi 60 nyuma y'uko ibigenwa na Medicaid birangiye** kugira ngo biyandikishe mu yindi gahunda nshya y'ubwishingizi bw'indwara.

Sura healthcare.gov/medicaid-chip/transfer-to-marketplace/ niba ukeneye andi makuru.